## Umutekano w’abana

Igisha abana kwita ku mutekano wabo igihe bari mu rugo no hanze. Amagambo “Umuntu uteye akaga” ashobora kuba agoye kuyasobanukirwa kuko buri munsi abana bahura n’abantu batazi; uburyo bwiza ni ukwigisha abana kumenya “inshuti” cyangwa “ababafasha” beza babafasha mu gihe cyihutirwa: ***abarimu, abapolisi, abashinzwe kuzimya umuriro, abaganga n’abafasha b’abaganga.***

### Inama rusange ku mutekano

- Abana bagomba kumenya amazina yabo yose, aderesi na nomero za telefoni.
- Igisha abana ko abantu bakuru batagomba gusaba abana ubufasha, ko abantu bakuru basaba ubufasha abandi bantu bakuru.
- Ntuzigere usiga abana ku mazu ariho amaduka, aho barebera firime cyangwa ubusitani bari bonyine.
- Ntuzigere usiga abana mu binyabiziga batari kumwe n’umuntu mukuru.
- Bwira abana ko ntacyo bitwaye gusubiza “OYA” umuntu batazi cyangwa ubateye kutisanzura.
- Bwira abana abaturanyi bashobora gusura.
- Igisha abana kandi ukaze “sisitemu y’inshuti.”
- Menya inshuti zabo n’ababyeyi b’izo nshuti.

### Umutekano mu rugo

- Manika amategeko aho abana bayabona.
- Gira ubushishozi mu guhitamo abo usigira abana. Baza ababazi kandi wumve ibyo abana babavugaho.
- Igisha abana gukinga ugashyiramo kare no kutagira uwo bakingurira cyangwa babwira ko bari bonyine.
- Igisha abana kumenyesha umuturanyi wizeye cyangwa kuguhamagara bakigera mu rugo.
- Kora ibishoboka bamenye guhamagara 911 mu gihe gisaba ubutabazi, umanike n’izindi nomero z’ingenzi.
- Shyiraho amategeko yerekeye kwakira inshuti cyangwa kugira aho bajya utabahaye uruhushya.
- Shyiraho imbibi n’imipaka kandi ubikaze.
- Noza uburyo bwo kuvugana/itumanaho.

## Niba umwana wawe abuze

*Ibikenewe mu gutanga amakuru kuri 911: Amazina y’umwana, itariki y’amavuko, uburebure, ibiro, ibimuranga yihariye – utwuma mu menyo, indorerwamo, ikibibi, inkovu, imyenda yambaye. Ha abapolisi ifoto y’ubu.*

### Mu rugo

- Shakisha mu rugo umwana, reba neza kandi ugenzure:
  - Gariderobe
  - Uburiri (imbere no munsi)
  - Mu bikoresho
  - Mu binyabiziga
- Hamagara 911

### Ku iduka cyangwa mu musi mukuru

- Menyesha umuyobozi
- Menyesha abashinzwe umutekano aho
- Hamagara 911